

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYAMAGABE

ICYEMEZO CY'URUKIKO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA

Umwaka wa 2022, Ukwazi kw' Ukwakira, Umunsi wa 13;

Twebwe MBISHIBISHI Maurice, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe, dufashijwe na NSABIMANA Ladislas, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko uwitwa **NTAWIGENGA Jean** mwene **RUHIGISHA Joseph** na **MUKANYONGA Francine**, wabarizwaga mu Mudugudu wa Kigarama, Akagari ka Gitega, Umurenge wa Cyanika, Akarere ka Nyamagabe mu Ntara y'Amajyepfo, **yakurikiranywe n'Ubushinjacyaha nk'uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera** ;

Dushingiye ku ngingo ya 160 na 161 z'Itegeko no 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Twemeje ko **NTAWIGENGA Jean** wihihe cyangwa watorotse ubutabera, urubanza rwe RP/ECON 00001/2022/TGI/NYBE yarezwemo n'ubushinjacyaha icyaha cyo kunyereza umutungo ruzaburanishwa ku itariki ya 22/12/2022 sa 11h00, ku cyicaro cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe, aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba akaburanishwa adahari.

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga mu minsi umunani, kikanamanikwa ahashyirwa amatangazo ku Rukiko Rwisumbuye rwa **NYAMAGABE**.

NI UKO TWEMEJE KANDI DUTEGETSE NONE KU WA13/10/2022, TURI I NYAMAGABE KU CYICARO CY'URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYAMAGABE

NSABIMANA LADISLAS
UMWANDITSI

The official seal of the Republic of Rwanda, featuring a central shield with a landscape, flanked by two crossed spears and a palm branch, all within a circular border. The text "URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYAMAGABE" is inscribed around the perimeter of the seal.
MBISHIBISHI MAURICE
PEREZIDA W'URUKIKO